STATE OF MAINE
GOVERNOR'S OFFICE OF POLICY INNOVATION AND THE FUTURE
181 STATE HOUSE STATION
AUGUSTA, MAINE
04333-0181

# Mu ijambo rye rya nyuma yagejeje ku baturage bo muri Leta ya Maine abasobanurira uko Leta yabo ihagaze, Guverineri Mills yagaragaje Gahunda ye yo gufasha abaturage kubona amikoro ndetse abasezeranya kubarinda ihohoterwa rishobora kubakorerwa bigizwemo uruhare n'Ubuyobozi bwa Trump

*Guverineri Mills yagaragaje icyifuzo cye cyo gutanga inkunga ya $300 kuri buri muturage utishoboye, kubaka amacumbi menshi ndetse no gukomeza gahunda yo kwigira ubuntu mu mashuri ya Leta ndetse agenera ubutumwa bukurikira Trump: "Niba wifuza kugirira nabi abaturage ba Leta ya Maine, bizagusaba kubanza kunyikiza."*

**Augusta, MAINE** – Kuri uyu mugoroba, mu ijambo rye rya nyuma yagejeje ku baturage bo muri Leta ya Maine abasobanurira uko Leta yabo ihagaze, Guverineri Janet Mills yatangaje ko "n'ubwo dufite ibibazo, ariko ndahamya neza ko Leta yacu ihagaze neza."

Avuga mu buryo bweruye kuri ibyo bibazo no kuri politiki y'ubuyobozi bwa Trump irushaho kubyongera no kubigira bibi kuruta, Guverineri yashyize ahagaragara Gahunda ye yo gufasha abaturage kubona amikoro igamije gutanga inkunga y'ako kanya ku baturage batishoboye bo muri Leta ya Maine ndetse no kubafasha kugera ku bukungu mu buryo burambye.

> **Guverineri Janet Mills yagize ati:** "Mu by'ukuri, imwe mu nzitizi ziremereye abantu benshi muri iki gihe, yaba abanyeshuri barangije kwiga, ababyeyi bakibyara cyangwa se abasaza n'abakecuru babona amafaranga agenwe adahinduka, ni ubuzima buhenze". "Turebye nk'ikiguzi cy'ubuvuzi, inzu yo guturamo ndetse n'ibigendana nayo nk'amazi n'amashanyarazi kugeza ku giciro cy'ikamyoneti, imboga ndetse n'imiti ifasha benshi gukomeza kubaho, ibiciro biri hejuru cyane, kandi abaturage bo muri Maine, kimwe n'izindi miliyoni z'abaturage batuye muri iki gihugu, ibyo bibagiraho ingaruka. Uyu mugoroba, ndifuza ko tugira icyo tubikoraho."

Gahunda ya Guverineri yo gufasha abaturage kubona amikoro ikubiyemo by'umwihariko: 1) Gutanga inkunga y'amadolari $300 ku baturage 725,000 bo muri Maine, hagamijwe kubafasha kubona amikoro no kubaha inkunga yihutirwa, bikaba bikorwa mu buryo busa n'izindi nkunga z'amafaranga zigeze gutangwa n'ubuyobozi bwe mbere; 2) Gutangiza umushinga w'amacumbi witwa "American Dream" (Indoto za Amerika) ufite ingengo y'imari ya miliyoni $70, ugamije kubaka amazu menshi ahendutse kugira ngo abaturage benshi bo muri Maine babashe kubona amacumbi, bityo hagabanuke ibiciro by'amazu byari bimaze gutumbagira; 3) Gushyiraho no kwemeza burundu gahunda y'amashuri makuru ya leta yigisha ku buntu (community college), imaze kumenyekana ku rwego rw'igihugu, hagamijwe kwemeza ko ikiguzi cyo kwiga kijyana n'umushahara mwiza muri Maine hagamijwe ko kitazigera cyiyongera ku bana n'urubyiruko bashaka gukomeza amashuri makuru.

Amakuru arambuye kuri Gahunda ya Guverineri yo gufasha abaturage kubona amikoro, akubiye mu nyandiko iri muri PDF yometse hano.

<u>Kurinda abaturage ba Maine ihohoterwa bashobora gukorerwa n'Ubuyobozi bwa Trump</u>

Mu ijambo rye, Guverineri yagarutse kandi ku kwiyongera kw'abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko ku rwego rwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika muri Leta ya Maine, ashimangira ko Leta ya Maine itazigera na rimwe iterwa ubwoba cyangwa ngo icecekeshwe.

> Guverineri kandi ya**gize ati**: "Ndabwira buri wese kimwe n'abatari hano, harimo n'abashinzwe umutekano bose muri Leta Zunze ubumwe za Amerika ko uzifuza kugirira nabi abaturage ba Leta ya Maine wese, bizamusaba kubanza kunkuraho."

Guverineri yatanze umuburo ku hazaza ha demokarasi, avuga ko turi "mu gihe giteye inkeke mu mateka yacu – igihe igitekerezo nyir'izina cya Amerika kiri mu kaga," bitewe n'uko Leta Nkuru iri gukoresha

“ububasha bwayo bukomeye mu gutera ubwoba, guhana no gucecekesha abagerageza kuyinenga cyangwa kuyibazaho.”

> Yakomeje agira ati: "Ku baba bibwira ko batarebwa n'ihohoterwa ririmo gukorwa na Leta nkuru, ndabasaba byonyine kwita kuri ibi: byagenda bite ejo Leta nkuru iramutse ivuze ko ari mwe kibazo?" “Ibi si ugushyigikira uruhande rumwe. Ibi ntibireba ko uri umudemokarate, umurepulike cyangwa se udafite uruhande na rumwe ubogamiyeho. Ibi ntibireba kandi kuba waba utuye muri leta ishyigikiye abademokarate, ishyigikiye abarepubulike cyangwa se ihuza impande zombi, cyangwa se ko waba utuye mujyi, mu nkengero zawo, cyangwa mu cyaro gito. Ibi ahubwo birebana n’amahame ya Margaret Chase Smith ku Bunyamerika (Principles of Americanism), birebana n’ishingiro nyir’izina rya Amerika n’ihame rikomeye rivuga ko hano ubutegetsi butangwa n'abaturage, ko hano amategeko ari yo agenga byose, ko hano abantu bose bafatwa kimwe imbere y’amategeko, kandi ko hano nta bami babaho.”

N’ubwo bimeze bityo, Guverineri yavuze ko agifite icyizere, kuko “iyo bisa n’aho umucyo uri kure cyane, haba hari nibura inyenyeri imwe iri mu kirere imurika mu ijoro, urumuri rwayo rukadufasha kudasitara mu mwijima. Iyo nyenyeri yo mu majyaruguru izadufasha buri gihe kumenya inzira itugeza iwacu. Kandi iyo nyenyeri yo mu majyaruguru ni Abaturage ba Maine."

Mu ijambo rye kandi, Guverineri:

- **Yasabye ko habaho serivisi z’ubuvuzi zigera kuri bose**, avuga ati: “Kandi ibibazo dufite mu buvuzi bwacu muri iki gihe ntitwabikemura tubica hejuru ahubwo biradusaba kubihera mu mizi. Buri leta ku giti cyayo ntishobora, kandi ntikwiye, gusigara yonyine ihangana n’iki kibazo gikomeye cy’igihugu cyose. Kubera ko ubuvuzi ari bumwe mu burenganzira bw'ibanze bwa muntu. Igihe kirageze ko Leta Nkuru ireka kwirengagiza ikibazo, igahangana n’ikibazo cy’ubuvuzi mu buryo butaziguye. Nta kintu na kimwe twakwemera ko kibangamira gahunda y'ubuvuzi kuri bose."
- **Yatangaje icyifuzo cyo gushyiraho itegeko ribuza gukoresha telefone zigendanwa mu mashuri**: “Tuzi ko imbuga nkoranyambaga zishobora kubangamira amasomo ndetse zikagira ingaruka mbi ku buzima bwo mu mutwe bw’urubyiruko. Bityo rero, igihe kirageze ngo tubuze ikoreshwa rya telefone zigendanwa mu byumba by’amashuri. Uyu mugoroba, ndasaba ko hashyirwaho itegeko ribuza ikoreshwa rya telefone zigendanwa mu mashuri hirya no hino muri leta mu gihe cy’umunsi wose ku ishuri, kuva amasomo atangiye kugeza arangiye, hagamijwe kurinda abanyeshuri kurangara mu ishuri no kubafasha gukurikira abasomo yabo neza. Ubushakashatsi bwerekana ko telefoni zigendanwa ziramutse zikuwe mu byumba by'amashuri abanyeshuri barushaho gutsinda neza, amanota babona mu bizamini akiyongera, bakarushaho kwitwara neza ku ishuri, kwitabira kujya ku ishuri, ndetse no kubana neza hagati yabo."
- **Yasabye ko Leta ya Maine ikomeza kwagura no kongera ubwoko bw'ingufu ikoresha hagamijwe guhangana n’ibiciro bihanitse by’ingufu**: Icyo Maine ikwiye gukora ni ugukomeza kwagura no kongera ubwoko bw'ingufu ikoresha binyuze mu gushakisha izindi ngufu zitangiza ikirere yakwifashishisha mu muyoboro wayo, bityo zikunganira gazi isanzwe ikoreshwa. Ni yo mpamvu turimo gushakisha uburyo twabona ingufu zidahenze zitangiza ikirere, nk’izituruka ku muyaga no ku mirasire y’izuba hano muri Maine, ndetse n’amashanyarazi aturuka ku mazi yo muri Kanada, tunakomeza guteza imbere uburyo bwo kubika ingufu. Nanone kandi, Ikigo Efficiency Maine Trust n’ishami ryo mu biro byanjye rishinzwe ibijyanye n'ingufu bazashyiraho inkunga y’amafaranga agera kuri za miriyoni z'amadolari asubizwa nk'ishimwe ku bakoresha imashini zishyushya amazi n'izitanga ubushyuhe zikoresha ingufu nke, kimwe no ku bikorwa byo gufata neza amazu n’izindi mpinduka zigamije kuzigama ingufu, kuko, tuvugishije ukuri, idorari rizigamwe neza ku mashanyarazi ni iritakoreshejwe na rimwe."

Ingengo y’imari y’inyongera ya Guverineri, itazigera izamura imisoro mu buryo ubwo ari bwo bwose, izashyirwa ahagaragara mu byumweru bike biri imbere.

Uretse ibyifuzo byatangajwe uyu mugoroba, Guverineri yavuze ko ingengo y'imari y'inyongera izanashyiramo amafaranga yo kunoza umutekano mu modoka zitwara abanyeshurimuri Maine, nyuma y'urupfu rubabaje rw'abana babiri bo muri Maine umwaka ushize; amafaranga yo gushyigikira abatanga serivisi z'ubuvuzi bw'imyororokere muri Maine nyuma y'igabanuka rikomeye ry'ingengo y'imari ryatewe n'ubuyobozi bwa Trump; ndetse n'amafaranga yo gushyira mu bikorwa itegeko rya Red Flag ryemejwe n'abatora muri Maine mu kwezi k'Ugushyingo 2025.

*Translation supported by the Governor's Office of Policy Innovation and the Future*